# Yemwe bagore, mujye mutanga amaturo kenshi kuko nabonye ari mwe benshi muzaba muri mu muriro kuruta abandi." Nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Kubera iki yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: Muratukana cyane mukanavumana, mukanahakana ineza abagabo banyu babakoreye, ntabwo nigeze mbona abafite ubwenge ndetse n'idini biciriritse, ubwenge buganza ubw'umugabo ushishoza kubarusha

Hadith yaturutse kwa Abu Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Ku munsi w'irayidi y'igitambo cyangwa se yo gusiburuka, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagiye yerekeje aho gusalira nuko inyura ku bagore iravuga iti: "Yemwe bagore, mujye mutanga amaturo kenshi kuko nabonye ari mwe benshi muzaba muri mu muriro kuruta abandi." Nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Kubera iki yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: Muratukana cyane mukanavumana, mukanahakana ineza abagabo banyu babakoreye, ntabwo nigeze mbona abafite ubwenge ndetse n'idini biciriritse, ubwenge buganza ubw'umugabo ushishoza kubarusha." Ba bagore baravuga bati: Ni gute ubwenge bwacu n'idini ryacu biciriritse yewe Ntumwa y'Imana? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: Ese muyobewe ko ubuhamya bw'umugore umwe bungana na kimwe cya kabiri cy'ubw'umugabo? Barayisubiza bati: Yego! Uko niko kugira ubwenge buciriritse! Ese muyobewe ko iyo yagiye mu mihango adasali cyangwa se ngo asibe? Baravuga bati: Yego! Irababwira iti: Uko niko kugira idini riciriritse!

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku munsi w'irayidi yagiye aho gusalira irayidi, ikaba yari yasezeranyije abagore ko iri buze kubaha inyigisho zabo mu buryo bw'umwihariko kuri uwo munsi iba ari bwo ibikora, maze iravuga iti: Yemwe bagore nimutange amaturo kenshi, municuze kenshi, kubera ko ibi byombi ni zimwe mu mpamvu zikomeye zo kubabarirwa ibyaha, kubera ko mu ijoro najyanwe mu ijuru nabonye ari mwe benshi mu bantu bazajya mu ijuru. Nuko umugore umwe muri bo utekereza cyane unashishoza kandi wiyubashye arayibaza ati: Ni ukubera iki yewe Ntumwa y'Imana ari twe benshi mu muriro? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti:

Mukoresha imivumo kenshi mukanatukana, ndetse mugahakana ineza mwakorewe n'abagabo banyu! Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira imiterere y'abagore muri aya magambo: Sinigeze mbona abafite ubwenge n'idini biciriritse batsinda umugabo w'umunyabwenge unashishoza kubarusha. Nuko wa mugore aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ubwenge n'idini biciriritse ni gute? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: Ubwenge buciritse nuko ubuhamya bw'abagore babiri bungana n'ubw'umugabo umwe, naho idini riciriritse ni ukugabanyuka kw'ibikorwa byiza aho umugore amara amajoro menshi n'amanywa menshi adasali kubera kujya mu mihango, ndetse akanasiburuka mu kwezi kwa Ramadhan kubera imihango ibi nibyo byo kugira idini riciriritse, ariko ntibabigayirwa kuko ari ko kamere yabo imeze nkuko umuntu yaremanywe gukunda umutungo, no kugira ubwira mu byo akora byose, atanabizi ndetse n'ibindi, ariko yihanangirije ibyo kugira ngo batabyitwaza.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10011

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee